ITEGEKO N° 23/2003 RYO KU WA 07/08/2003 RYEREKEYE GUKUMIRA, KURWANYA NO GUHANA RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO

J.O. n° idasanzwe bis yo ku wa 03/09/2003

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'INZIBACYUHO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho, mu nama yayo yo ku wa 8 Nyakanga 2003;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 90, iya 93, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko-teka n° 9/80 ryo ku wa 7 Nyakanga 1980 rishyiraho Igitabo cy'amategeko agenga imitunganyirize n'ububasha by'inkiko, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 48, ryemejwe n'Itegeko n° 01/82 ryo ku wa 26 Mutarama 1982 ryemeza amategeko-teka;

Isubiye ku Itegeko-teka n° 21/77 ryo ku wa 18 Kanama 1977 rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana mu ngingo zaryo, iya 221, iya 222, iya 223, iya 224, iya 225, iya 226, iya 227, iya 307, iya 308 n'iya 309;

YEMEJE :

INTERURO YA MBERE : INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere

Iri tegeko rigamije gukumira, kurwanya no guhana icyaha cya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo byakorewe mu nzego z'imirimo, mu bigo bya Leta, mu bigo n'imiryango bitagengwa na Leta.

Ingingo ya 2

Muri iri tegeko:

a) ".imirimo rusange igenewe abaturage " bivuga imirimo igomba gukorerwa abaturage ku buryo uyikora aramutse atayikoreye abayimusabye byagira ingaruka mbi ku mibereho yabo;

b) " uburyo bwo gukumira ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo", ni inzira zose n'ibikorwa byose bigamije gukumira ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo bitarakorwa;

c) " umukozi wa Leta " bivuga umuntu wese ufite icyo ashinzwe mu butegetsi bwa Leta ku rwego urwo ari rwo rwose cyangwa wahawe inshingano za Leta abitorewe mu buryo bwemewe cyangwa se abiherewe ububasha n'ubutegetsi bwa Leta, umuntu wahawe ubutumwa bwa Leta cyangwa bw'urwego rwa Leta akaba agira uruhare mu micungire y'umutungo wa Leta, uw'Akarere, uw'Umujyi, uw'Intara, umutungo w'urwego rwa Leta, uwa sosiyete cyangwa uw'ibigo bya Leta;

d) " iyezandonke " rivuga gukoresha uburyo bwose bugamije gufasha uwakoze icyaha giteganywa n'iri tegeko gusobanura, by'ikinyoma, inkomoko y'ibintu n'inyungu yakuyemo, ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, ku cyaha yakoze;
Byitwa na none " iyezandonke " kugira uruhare mu kubika, uguhisha cyangwa uguhindura ibikomoka ku cyaha giteganywa n'iri tegeko, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye;

e) inzego za Leta zigizwe n'inzego z'imirimo zose z'ubutegetsi zikoresha umutungo wa Leta n'ibigo bya Leta.

INTERURO YA II : GUKUMIRA RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO

UMUTWE RUKUMBI:UBURYO BWO GUKUMIRA RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO

Ingingo ya 3

Abayobozi b'inzego z'imirimo n'iz'ibigo bya Leta, ab'ibigo byigenga, ab'amasosiyete n'ab'imiryango itagengwa na Leta, bafite inshingano yo gushyiraho inzira zo gukumira ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Ingingo ya 4

Kugira ngo ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo bikumirwe, buri rwego rw'umurimo n'ikigo cya Leta bigomba byibuze:

a) kugira inyandiko igaragaza uburyo ibyemezo bifatwa;
b) kugaragaza igihe ntarengwa mu gufata ibyemezo n'amategeko akurikizwa;
c) kubahiriza amabwiriza agenga ipiganwa mu gutanga amasoko;
d) kugira ubugenzuzi bw'imikorere n'ubw'imicungire y'umutungo;
e) kugaragariza raporo abo igenewe;
f) kugira amabwiriza agenga imyifatire y'abayobozi n'abakozi;
g) gutanga akazi hakoreshejwe ipiganwa;
h) gukurikirana imyifatire y'abakozi mu mirimo bashinzwe;
i) kudasumbanya, kudatinza no kutaburagiza ababagana bakeneye gukorerwa imirimo.

Ingingo ya 5

Kugira ngo ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo bikumirwe, ibigo n'imiryango itagengwa na Leta bidashinzwe imirimo rusange igenewe abaturage bigomba, mu mikorere yabyo, kwirinda isumbanya n'ivangura iryo ari ryo ryose, mu gihe abasaba gukorerwa imirimo bareshya mu burenganzira bwabo.

Ingingo ya 6

Haseguriwe ibiteganywa n'amasezerano mpuzamahanga yemewe n'u Rwanda, ibigo n'imiryango bigengwa n'amategeko mpuzamahanga bikorera cyangwa bishaka gukorera mu Rwanda, bigomba gushyiraho uburyo bwo gukumira ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Ingingo ya 7

Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko agenga abakozi b'inzego z'imirimo, umukoresha agomba kumenyesha umukozi utangiye akazi ibishobora kumugusha muri ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo n'ingaruka mbi zabyo. Agomba kandi kumumenyesha inyandiko ikubiyemo amategeko agenga imyifatire y'abakozi ku rwego agiye gukoreramo. Iyo nyandiko imanikwa ahagaragara.

Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko agenga abakozi b'inzego z'imirimo, umukoresha agomba kumenyesha abakozi na rubanda ibihano byo mu rwego rw'akazi n'ibyatanzwe hakurikijwe amategeko ahana byahawe abakozi bahamwe na ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo bo mu kigo ayobora.

Ingingo ya 8

Buri muyobozi agomba gukorera mu mucyo umurimo ashinzwe wo kugenzura abo akuriye mu mirimo, akareba niba nta bikorwa bya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo biharangwa. Agomba kandi guhora akangurira abo ayobora ububi bwa ruswa.

Ingingo ya 9

Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko y'umwuga w'itangazamakuru, itangazamakuru rigomba kugira uruhare mu gukumira no kurwanya ibikorwa bya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ryamenye mu nzego zose z'imirimo, ribishyira ahagaragara.
Inzego zifite uruhare urwo ari rwo rwose rwo gukumira no kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo, zigomba gushyiraho uburyo zikorana n'itangazamakuru muri urwo rwego.

INTERURO YA III: IHANWA RY'ICYAHA CYA RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NAYO

UMUTWE WA MBERE : IHANWA RY'ICYAHA CYA RUSWA

Icyiciro cya mbere : Ihanwa ry'iyakiraruswa

Ingingo ya 10

Azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke yatse, umuntu wese, uzaba yasabye, ku buryo bweruye cyangwa buteruye, yakiriye, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, impano cyangwa indonke iyo ariyo yose, kuri we cyangwa k'uwundi muntu cyangwa uzaba yemeye amasezerano yabyo kugira ngo abone kugira icyo akora kiri mu mirimo ashinzwe cyangwa yifashishije imirimo ye.

Ingingo ya 11

Azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 5 kugeza ku myaka 10 n'ihazabu y'amafaranga, yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke yatswe, umuntu wese, uzaba yasabye, ku buryo bweruye cyangwa buteruye, yakiriye, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, impano cyangwa indonke iyo ariyo yose idakwiye, kuri we cyangwa k'uwundi muntu cyangwa uzaba yemeye amasezerano yabyo kugira ngo agire icyo akora kinyuranyije n'amategeko cyangwa adakora ibiri mu nshingano ze.

Ingingo ya 12

Bitabujije ibihano birushijeho gukomera biteganywa n'andi mategeko ahana, azahanishwa igihano cy'igifungo giteganywa n'ingingo ya 11 n'iya 12 z'iri tegeko kandi hakurikije ibyo izo ngingo zitandukanya n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000 frw) kugeza kuri miriyoni imwe (1.000.000 frw), umuntu wese uvugwa mu ngingo ya 11 cyangwa iya 12 y'iri tegeko uzaba, ku buryo bweruye cyangwa buteruye, yasabye kugira, kugirirwa, gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina ritumvikanyweho cyangwa uzaba yemeye amasezerano yabyo kugira ngo abone uko akora ibiri mu nshingano ze cyangwa ibinyuranije n'inshingano ze.

Ingingo ya 13

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 11 n'iya 12, umucamanza wese, umukiranuzi, uzaba yahamwe n'icyaha cya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu rubanza azaba yakijije, azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 15 kugeza ku myaka 20 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke yatswe.

Iyo muri urwo rubanza uregwa yakatiwe igihano cy'igifungo kiri hejuru y'imyaka 20, icyo gihano gihanishwa umucamanza wahamwe na ruswa.

Umukozi wese wo mu rwego rw'ubucamanza, urw'ubushinjacyaha cyangwa wo mu rwego rwa polisi, uzaba yakiriye cyangwa yemeye kwakira ruswa kugira ngo hafatwe icyemezo kitagombaga gufatwa, azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 10 kugeza ku myaka 15 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke yatswe.

Icyiciro cya 2 : Ihanwa ry'itangaruswa

Ingingo ya 14

Azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke yatanze, umuntu wese uzaba yahaye, ku buryo bweruye cyangwa buteruye, yashatse guha undi muntu, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, impano cyangwa indonke iyo ari yo yose, cyangwa yamugiriye amasezerano yabyo kugira ngo amukorere cyangwa akorere undi muntu ikiri mu mirimo ashinzwe cyangwa yifashishije imirimo ye.

Ingingo ya 15

Azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 5 kugeza ku myaka 10 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke yatanze, umuntu wese uzaba yahaye undi muntu, ku buryo bweruye cyangwa buteruye, yashatse kumuha, yaramuhaye ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, impano cyangwa indonke iyo ari yo yose cyangwa yamugiriye amasezerano yabyo kugira ngo amukorere cyangwa akorere undi muntu ibinyuranije n'amategeko cyangwa ye gukora ibiri mu nshingano ze.

Ingingo ya 16

Bitabangamiye ibihano birushijeho gukomera biteganywa n'andi mategeko, azahanishwa igihano cy'igifungo giteganywa n'ingingo ya 11 n'iya 12 z'iri tegeko kandi hakurikije ibyo izo ngingo zitandukanya n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000 frw) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000 frw), umuntu wese uzaba, ku buryo bweruye cyangwa buteruye, yashatse kugirira undi, cyangwa yarakoze ishimishamubiri rishingiye ku gitsina ritumvikanyweho cyangwa yamugiriye amasezerano yabyo kugira ngo abone uko akora ibiri mu nshingano ze cyangwa ibinyuranye na zo.

UMUTWE WA II : IHANWA RY'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA RUSWA

Icyiciro cya mbere: Ihanwa ryo kwaka, kwakira ibirenze ibyagombaga, gusonera, Kudasoresha no gutangira ubusa cyangwa ku gaciro kadakwiye ibintu bya Leta bikozwe n'abakozi ba Leta

Ingingo ya 17

Azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke yakiriwe, umukozi wese wa Leta uzaba yakoze icyaha cyo kwaka icyo azi ko kidakwiye cyangwa cyo kwakira icyo azi ko kirenze igitegetswe mu byerekeye amafaranga y'umurimo, amahôro, imisoro, ibihano cyangwa amafaranga y'ubwishingire, amafaranga y'inyongera cyangwa y'inyungu, ibihembo by'abakozi cyangwa imishahara yabo.

Ingingo ya 18

Azahanishwa ibihano biteganijwe mu ngingo ya 18 y'iri tegeko, umukozi wa Leta wese, ku mpamvu iyo ari yo yose, nta tegeko ribyemeje, uzaba yasoneye, ku buryo ubwo ari bwo bwose, imisoro, amahoro, amahazabu, amafaranga y'ubwishingire n'andi mafaranga ategetswe cyangwa uzaba yatanze, ku busa cyangwa ku gaciro kadakwiye, ibintu bya Leta.

Icyiciro cya 2: Ihanwa ry'ikoreshagitinyiro n'ikimenyane

Ingingo ya 19

Azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke yasabwe, yasezeranyijwe, yakiriwe, umuntu wese uzaba, ku buryo bweruye cyangwa buteruye, yasabye, yasezeranyijwe, yakiriye, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, impano cyangwa indi ndonke, ahamya ko ashobora gukoresha igitinyiro cye cyangwa ikimenyane, kugira ngo undi muntu abe yafata icyemezo, iyo mpano cyangwa indi ndonke yaba imugenewe cyangwa yaba igenewe undi, icyo gitinyiro cyangwa icyo kimenyane cyaragize icyo kigeraho cyangwa ntacyo cyagezeho mu byari bigambiriwe.

Ingingo ya 20

Azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke yatanzwe, yasezeranyijwe, umuntu wese uzaba, ku buryo bweruye cyangwa buteruye, yahaye undi muntu, yashatse kumuha, yamusezeranyije, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, impano cyangwa indi ndonke, asaba ko hashobora gukoreshwa igitinyiro cyangwa ikimenyane, kugira ngo hafatwe icyemezo, iyo ndonke yaba imugenewe, yaba igenewe undi, icyo gitinyiro cyangwa icyo kimenyane cyaragize icyo kigeraho cyangwa ntacyo cyagezeho mu byari bigambiriwe.

Ingingo ya 21

Bitabangamiye ibihano birushijeho gukomera biteganywa n'andi mategeko ahana, azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5 n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi mirongo itanu
(50.000 frw) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000 frw), umuntu wese, ku buryo bweruye cyangwa buteruye, uzaba yasabye kugira, kugirirwa, yarakoze cyangwa yarasezeranye ishimishamubiri rishingiye ku gitsina ritumvikanyweho, ahamya ko ashobora gukoresha igitinyiro cye cyangwa ikimenyane kugira ngo undi muntu abe yafata icyemezo, icyo gitinyiro cyangwa icyo kimenyane, cyaragize icyo kigeraho cyangwa ntacyo cyagezeho mu byari bigambiriwe.

Icyiciro cya 3 : Ihanwa ry'itonesha

Ingingo ya 22

Azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5 n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000 frw) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000 frw), umuntu wese, uyobora ikigo cyigenga gikora imirimo rusange igenewe abaturage cyangwa umuhagarariye, uzaba yafashe icyemezo ashingiye ku butoneshe, ku cyenewabo cyangwa ku rwango afitiye bamwe mu bamugannye.

Icyiciro cya 4 : Ihanwa ry'ugushakira inyungu kw'abakozi mu mirimo batemerewe gukora

Ingingo ya 23

Azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke yahawe:

a) umukozi wese wa Leta n'undi muntu wese, yabikora yeruye cyangwa ku buryo bufifitse, cyangwa abishyizemo umuhagararira, uzaba yihesheje cyangwa yemeye guhabwa, binyuranyije n'amategeko amugenga, inyungu iyo ari yo yose, mu bikorwa, mu ipiganirwa ry'amasoko y'ibigurwa cyangwa y'imirimo ikorwa, mu nzego z'imirimo ya Leta no mu zindi nzego, abifitemo cyangwa yarabifitemo, mu gihe cy'icyo gikorwa, ubutegetsi cyangwa ubugenzuzi kuri byose cyangwa kuri bimwe;
b) umukozi wese wa Leta n'undi muntu wese uzaba, binyuranyije n'amategeko amugenga, yarihaye inyungu iyo ari yo yose, ku kintu yari ashinzwe gutunganyiriza ubwishyu cyangwa irangizamutungo.

Icyiciro cya 5 : Ihanwa ry'igwizamutungo ritemewe

Ingingo ya 24

Azaba yakoze icyaha cy'igwizamutungo ritemewe, umukozi wa Leta n'undi muntu wese uzigwizaho umutungo adashobora kugaragaza aho yawukomoye binyuze mu kuri kandi byemewe n'amategeko.

Azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'umutungo adashobora kugaragaza aho yawukomoye mu buryo bwemewe n'amategeko.

Urukiko rutegeka nta mpaka ubunyagwe bw'ibintu cyangwa inyungu icyaha cyakoreweho.

Icyiciro cya 6 : Ihanwa ry'iyezandonke.

Ingingo ya 25

Azahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke, uzaba yakoze icyaha cy'iyezandonke.
Urukiko rutegeka nta mpaka ubunyagwe bw'ibintu cyangwa inyungu icyaha cy'iyezandonke cyakoreweho.

Ingingo ya 26

Iyezandonke rihanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka 5 kugeza ku myaka 10 n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'indonke yatanzwe, mu gihe ryakozwe:

a) mu buryo buhoraho;
b) mu buryo bushingiye ku bubasha bukomoka ku mwuga;
c) mu gatsiko kateguwe.

Ingingo ya 27

Mu gihe icyaha gikomokwaho n'ibintu cyangwa amafaranga byakorewe iyezandonke gihanishijwe igihano cy'igifungo kiri hejuru y'icyatangwa hakurikijwe ingingo ya 26 n'iya 27 z'iri tegeko, iyezandonke rihanishwa ibihano biteganyirijwe icyo cyaha mu gihe uwakoze iyezandonke yari akizi. Mu gihe kandi icyo cyaha kijyana n'impamvu nkomezacyaha, ibihano bizaba ibiteganyirijwe gusa impamvu nkomezacyaha yari azi.

UMUTWE WA III : INGINGO RUSANGE KU IHANWA RYA RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO

Ingingo ya 28

Uzafatwa nk'icyitso cy'ibyaha biteganyijwe n'iri tegeko, azahanishwa ibihano bimwe na ba gatozi. Uwabaye icyitso ashobora gukurikiranwa n'aho gatozi yaba atarashoboye gukurikiranywaho icyaha.

Ingingo ya 29

Azafatwa nk'icyitso :

a) uzaba, abizi neza, yarafashije gatozi cyangwa abafatanyacyaha mu gutegura, mu korohereza imikorere y'icyaha cyangwa mu kugishyira mu bikorwa;

b) uzaba yarabonye inyungu, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, azi neza ko ishingiye ku ndonke ikomoka ku cyaha.

Ingingo ya 30

Bitabujije ibindi bihano biteganyijwe mu mategeko ahana gukurikizwa ku byaha bivugwa muri iri tegeko, urukiko rushobora gutanga, ku buryo bw'umugereka:

a) igihano cy'ubunyagwe bw'ikintu cyakoreshejwe cyangwa cyari giteganyirijwe gukoreshwa mu cyaha;

b) igihano cy'ubunyagwe bw'ibintu gikomoka ku cyaha, kimwe n'amafaranga cyangwa ibintu, gatozi, umufatanyacyaha cyangwa icyitso babonye mu buryo butemewe.

Mu gihe ikintu cyanyazwe kitashoboye gufatwa cyangwa ngo kibe cyasimbuzwa ikindi, hategekwa ubunyagwe bw'amafaranga ahwanye na cyo.

UMUTWE WA IV : UBURYOZWE BW'AMASOSIYETE, IBIGO, IMIRYANGO N'AMASHYIRAHAMWE

Ingingo ya 31

Amasosiyete, ibigo, imiryango n'amashyirahamwe byaba byegamiye kuri Leta cyangwa bitayegamiyeho, biryozwa ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, biteganywa n'iri tegeko, mu gihe byakozwe n'ababihagarariye cyangwa abari mu nzego z'ubuyobozi bwabyo, babikoze bagambiriye inyungu zabyo kandi bashingiye kuri ibi bikurikira:

a) ububasha bwo kubihagararira;
b) ububasha bwo gufata ibyemezo;
c) ububasha bwo kugenzura;
d) ababikoze nk'ibyitso cyangwa abashishikarije abandi gukora ibyaha byavuzwe haruguru.

Uburyozwacyaha bw'amasosiyete, ibigo, imiryango n'amashyirahamwe buteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo ntibibuza ko ababihagarariye cyangwa ibyitso byabo bakurikiranwaho ibyaha ku giti cyabo.

Ingingo ya 32

Amasosiyete, ibigo, imiryango n'amashyirahamwe byaba byegamiye kuri Leta cyangwa bitayegamiyeho bizahamwa n'ibyaha biteganywa n'iri tegeko, bizahanishwa igihano cy'ihazabu ingana n'inshuro 5 kugeza ku nshuro 10 z'agaciro k'indonke yakiriwe cyangwa yemewe, yasabwe, yatanzwe cyangwa yasezeranijwe.

Ingingo ya 33

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 31 y'iri tegeko, urukiko rushobora kandi, mu gihe habaye uburyozwacyaha bw'amasosiyete, ibigo, imiryango n'amashyirahamwe, gutanga kimwe cyangwa byombi mu bihano by'umugereka bikurikira:

a) kutemererwa, mu gihe kitarenze imyaka 2, amasoko ya Leta;
b) kumanika cyangwa gutangaza icyemezo cy'urukiko hakoreshejwe uburyo bwose bwo gutumanaho bushoboka.

Ingingo ya 34

Mu ikurikiranwa n'iburanishwa ry'amasosiyete, ibigo, imiryango n'amashyirahamwe kubera ibyaha biteganywa n'iri tegeko, hahamagazwa kandi haburana ababihagarariye bemewe n'amategeko.

Abahagarariye ayo masosiyete, ibigo, imiryango n'amashyirahamwe ntibashobora guhanwa kubera ibyaha biryozwa amasosiyete, ibigo, imiryango n'amashyirahamwe bahagarariye uretse ibirebana n'uburyozwe bwabo bwite.

UMUTWE WA V: UBURYO BUGAMIJE KOROSHYA GUSHAKISHA IBIMENYETSO

Icyiciro cya mbere : Ibimenyetso no kurengera abatanga buhamya

Ingingo ya 35

Mu iperereza, umugenzacyaha, umushinjacyaha cyangwa umucamanza, bafite ububasha bwo gusaba ko bamugezaho cyangwa gufatira amadosiye ya banki, ay'imari cyangwa ay'ubucuruzi.

Ibanga ry'akazi ryaba iryo muri banki cyangwa ahandi, ku mugenzacyaha, ku mushinjacyaha cyangwa ku mucamanza, ntirishobora kuba imbogamizi mu gihe hashakwa kugaragazwa ukuri.

Ingingo ya 36

Mu gukurikirana no guca imanza z'ibyaha, umucamanza cyangwa undi wese ubifitiye ububasha wagejejweho ikibazo kijyana n'ibyaha bivugwa muri iri tegeko, agomba gufata ibyemezo bya ngombwa kugira ngo arinde ku buryo buhamye umutekano kuri aba bakurikira:

a) abantu batanze amakuru yerekeranye n'ibyaha biteganywa n'iri tegeko cyangwa bafashije, mu bundi buryo, abashinzwe gukora iperereza cyangwa gukurikirana ibyaha ;
b) abatangabuhamya kuri ibyo byaha.

Ingingo ya 37

Umuntu wese wagize uruhare mu gutahura ibyaha biteganywa n'iri tegeko kandi atagira aho ahurira n'imikorere yabyo, urukiko rumugenera agahimbazamusyi ku buryo bukurikira:

a) kimwe cy'icumi (1/10) cy'agaciro k'ibintu byanyazwe uwakoze icyaha;
b) kuva ku mafaranga ibihumbi makumyabiri (20.000 frw) kugeza ku bihumbi ijana (100.000 frw) arihwa n'uwakatiwe, mu gihe icyaha cyagaragajwe kidatuma haba ubunyagwe bw'ibintu bye.

Icyiciro cya 2 : Iyoroshyabihano

Ingingo ya 38

Azahanishwa kimwe cya kabiri (1/2) cy'igihano urukiko rwagombaga kumuhanisha, gatozi, umufatanyacyaha cyangwa icyitso cy'uwakoze ibyaha biteganywa n'iri tegeko, uzaba yireze nyuma y'uko ibyo yakoze bimenyekana cyangwa nyuma y'uko ipereereza ritangira ariko dosiye ye itarashyikirizwa urukiko, akemera icyaha kandi agatanga ubuhamya ku cyaha cyakozwe no ku bindi byaha bigishamikiyeho bishingiye mu kugaragaza ba gatozi, abafatanyacyaha n'ibyitso, ubwoko cyangwa agaciro k'impano cyangwa k'indi ndonke iyo ariyo yose yakiriwe cyangwa ubwoko bw'ibindi bintu byatswe, byakiriwe, byatanzwe, byasezeranijwe, kimwe n'ubuhamya ku byakomotse ku cyaha.

Ingingo ya 39

Azahanishwa 1/4 cy'igihano urukiko rwagombaga kumuhanisha, gatozi, umufatanyacyaha cyangwa icyitso cy'uwakoze ibyaha biteganywa n'iri tegeko, uzaba yireze mu butegetsi bubifitiye ububasha mbere y'uko akurikiranwa cyangwa mbere y'uko ibyo yakoze bimenyekana kandi akemera icyaha, agatanga ubuhamya ku cyaha cyakozwe no ku bindi byaha bigishamikiyeho bishingiye mu kugaragaza ba gatozi, abafatanyacyaha n'ibyitso, ubwoko cyangwa agaciro k'impano cyangwa k'indi ndonke iyo ariyo yose yakiriwe cyangwa ubwoko bw'ibindi bintu byatswe, byakiriwe, byatanzwe, byasezeranijwe kimwe n'ubuhamya ku byakomotse ku cyaha.

Ingingo ya 40

Iyoroshyabihano riteganyijwe n'ingingo ya 39 n'iya 40 z'iri tegeko ntiryemewe iyo icyaha cyakozwe kirebana n'ishimishamubiri rishingiye ku gitsina ritumvikanyweho.

Ingingo ya 41

Iyoroshyabihano riteganyijwe n'iri tegeko ntiribuza urukiko gutegeka ubunyagwe buteganywa n'iri tegeko.

UMUTWE WA VI : INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 42

Haseguriwe ibyahinduwe n'iri tegeko, ingingo zo mu gitabo cya mbere cy'amategeko ahana ibyaha, zikurikizwa ku byaha biteganywa n'iri tegeko.

Ingingo ya 43

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye naryo zivanyweho.

Ingingo ya 44

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 07/08/2003

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego
MUCYO Jean de Dieu
(sé)

Bibonywe kandi bishyinzweho Ikirango cya Repubulika :

Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego
MUCYO Jean de Dieu
(sé)